RDR
Rassemblement Républicain pour la Démocratie au Rwanda
Republican Rally for Democracy in Rwanda
Ihuliro Rishingiye kuri Repubulika Liharanira Demokarasi mu Rwanda

Pour un Peuple Reconcilié dans un Etat de droit - For a Reconcilied People in a Rule of Law
Duharanire Ubwiyunge bw'Abanyarwanda mu Gihugu cyubahiriza Amategeko

ITANGAZO. 2/2003

NIMUTORA, NTIMUZATORE UMUKANDIDA WA FPR-INKOTANYI

Banyarwanda, banyarwandakazi,

RDR, Ihuliro Rishingiye kuri Repubulika Liharanira Demokarasi mu Rwanda, lirabasaba kutazatora Jenerali Paul Kagame n'abandi bakandida ba FPR-Inkotanyi mu matora yose agiye kuza. Nkuko mubizi, Kagame n'ubutegetsi bwe bwateguye amatora bwizeye ko buzayatsinda. Ayo matora agamije cyane cyane ibintu bibiri:

1. Paul Kagame arashaka kwereka amahanga ko ubutegetsi bwe bwashyizweho n'abaturage , bukaba bwemewe n'abaturage. Arashaka kwibagiza abanyarwanda n'amahanga ubwicanyi bwakozwe n'Inkotanyi ze, kwibagiza uburyo yafashe ubutegetsi: mu ntambara no mu maraso.

2. Paul Kagame arashaka ko amatora amuhanaguraho ibyaha byose yakoreye abanyarwanda. Kuli we, kumutora ni ukumuhanaguraho ibyaha, ni ukumugira umwere.

RDR , Ihuliro Rishingiye kuli Repubulika Lihararanira Demokarasi mu Rwanda, rifatanyije n'indi mitwe ya politiki, ryali ryarasabye ko mbere y'amatora haba inama mpuza-banyarwanda yakwiga uburyo koko mu Rwanda hagaruka amahoro n'amajyambere adashingiye ku ubwoba. Yari yasabye ko amatora yakwigizwayo, kugira ngo imitwe y'amashyaka yose ibone igihe cyo kwiyandikisha no gusobanurira abaturage intego zayo ndetse n'icyo izamalira abanyarwanda. Twari twifuje ko muli iyo nama nkuru hakwigwa cyane cyane ibibazo bikulikira :

- Ikibazo cy'ubucamanza kuko kugeza ubu budakulikirana ubwicanyi bwakozwe na F P R– Inkotanyi.
- Ikibazo cy'ingabo zigomba kuba ingabo z'u Rwanda zikareka kuba ingabo za Paul Kagame.
- Ikibazo cy'intambara u Rwanda rwateye muli Kongo-Kinshasa kandi ikaba igikomeza.
- Ikibabazo cy'isaranganywa ry'umutungo w'igihugu n'uko ugomba gukoreshwa kugira ngo uteze imbere buli muturarwanda wese na buri karere k'igihugu .

Paul Kagame rero kubera ko ibibazo byinshi igihugu gifite ali we wabiteye ntabwo yashatse ko byigwa k'umugaragaro. Ahubwo yihutiye gufata imigambi yo kwihutisha amatora :

- Icyambere yakoze ni ugufunga Pasiteri Bizimungu, muzi mwese, bali barafatanyije , amuziza ko yashyizeho ishyaka PDR-Ubuyanja. Si Pasiteri Bizimungu kandi wenyine ufungiwe ibya politiki, hali n'abandi benshi yagiye asangamo cyangwa bajyanyemo ahanini bazira kutavuga rumwe na Paul Kagame, na FPR-Inkotanyi cyangwa se bazira amashyaka ya politiki bari barimo.

info@rdrwanda.org
http://www.rdrwanda.org

Victoire Ingabire, Présidente
Postbus 3124
2280 GC, Rijswijk, Netherlands
Téléphone/Fax : 00-31-180633822

Emmanuel Nyemera, Vice-Président
Case postale 5352, Succursale B
Montréal, Canada, H3B 4P1
Téléphone: (514) 572 3466

Le RDR est membre de l'Union des Forces Démocratiques Rwandaises (UFDR)

- Icya kabili yakoze ni ukwihutisha amategeko yangombwa mu mibereho y'igihugu: Itegeko-nshinga, Itegeko ligenga amatora, Itegeko ligenga amashyaka. Ayo mategeko yose arimwo ingingo nyinshi zinyonga uburenganzira bw'ikiremwa-muntu bwemewe n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwasinye, ingingo zibuza amashyaka atavuga rumwe na FPR-Inkotanyi gukorera mu Rwanda k'umugaragaro. Murumva rero ko ayo mategeko yashyizweho huti - huti kugirango amatora agende nkuko Paul Kagame n'ishyaka rye FPR-Inkotanyi babishaka.

- Icya gatatu ni ukubuza ishyaka MDR no gutoteza abayobozi n'abayoboke balyo, kandi ilyo shyaka yaralyitwaje mu gihe yali alikeneye mu butegetsi bwe. Ndetse nilindi ligiyeho ADEP-Mizero alyima ubuzima-gatozi.

Banyarwanda, banyarwandakazi, kuva FPR-Inkotanyi yashoza intambara muri uru Rwanda kw'italiki ya 1Ukwakira 1990, abanyarwanda barenga miriyoni ebyiri bishwe n'Inkotanyi hamwe n'Interahamwe. Aho Inkotanyi zagiye zigera hose mu gihugu zagiye zica inzirakarengane, zitsembatsemba abaturage. Nk'uko mubizi, amaso abera imutwe kureba. Murebe ku misozi yose y'u Rwanda, impfubyi n'abapfakazi baruzuye. Nta munyarwanda, nta mulyango numwe, mu turere twose tw'u Rwanda, udafite nibura umuntu wahitanywe n'intambara yashojwe na FPR-Inkotanyi.

Mu maperefegitura yose y'u Rwanda Inkotanyi zayogoje ibintu n'abantu. Abo muri Byumba, muzi abaturanyi benshi bitabye Imana bitabye inama z'inkotanyi kuri sitadi y'i Byumba, i Gishara, i Murambi, muri Giti n'ah'andi. Muri Kibungo n'Umutara, Inkotanyi zatsembatsembye abaturage baho kugira ngo zibone aho zishyira bene wabo bavuye muri Uganda n'inka zabo. Mulibuka ukuntu FPR-Inkotanyi kuva mu Ukwakira 1990 yagiye yica abaturage bo muri Byumba, Ruhengeri na Kigali ngali, abacitse katiyusha ikabamenesha ikabakura mu byabo. Muri Kigali, Inkotanyi zishe abaturage benshi mu Bugesera, ku Kicukiro, i Kabuga, i Remera, kuri Collège Saint-André n'ah'andi henshi cyane. Muri Gitarama, Inkotanyi zishe abasenyeri n'abapadiri ba Kiliziya gatolika i Kabgayi, zishe abaturage mu Byimana, ku Kivumu n'ah'andi henshi cyane. Muri Butare, Inkotanyi ziciye abaturage benshi muri Arboretum, i Kabutare, mu Rwasave, i Rango n'ah'andi. Muri Ruhengeri na Gisenyi, Inkotanyi zamaze abantu. Zarishe mu Ruhengeri, ku Mukamira, mu Butaro, n'ah'andi. Ku Kibuye n'i Cyangugu naho Inkotanyi zarishe karahava. Muri Gikongoro, Inkotanyi zishe abaturaga ahantu henshi; muribuka mwese impunzi ibihumbi munani (8000) zishwe n'Inkotamyi mu nkambi y'i Kibeho muri Mata 1995. Ntabwo rero umuntu yakwicira, kandi ubwe atemera ibyaha bye ngo byibura ube wamuha imbabazi, ahindukire agusabe kumutora.

Aho FPR-Inkotanyi ifatiye ubutegetsi ntiyashubije inkota mu rwubati, ikomeje kwica itarobanura : ari abayifashize kugera ku ubutegetsi ari abayihunze. Ni muri urwo rwego uwahoze ari minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu, Bwana Seti Sendashonga, Koloneli Lizinde Tewonesiti n'abandi benshi bishwe. Ni muri urwo rwego yateye kandi igasenya inkambi z'impunzi muri Kongo-Kinshasa, mu turere twa Goma, Bukavu, Masisi n'ah'andi. Muri uko gusenya izo nkambi, Inkotanyi zishe impunzi zigera ku ibihumbi magana ane (400 000). Abasilikari ba FPR-Inkotanyi bishe ibihumbi n'ibihumbi by'impunzi z'abanyarwanda i Kashusha, Inera, Kajeje, Kibumba, Cimanga, Shabunda, Kalima, Kindu, Kalehe, Nyabikwe, Minova, Bunyakiri, Shanje, Lumbishi, Katchungu, Lubutu, Nombo, Itebero, Walikale, Tingi-Tingi, Mugunga, Kichanga, Kirumbu, Wendji, Boendé, Masisi, Rutshuru, Mbandaka, n'ah'andi. Abasoda n'abofisiye bose bakoze ubwo bwicanyi bongerewe amapeti banazamurwa mu ntera mu ubutegetsi bw'igitugu bwa FPR-Inkotanyi.

Mu myaka icyenda Inkotanyi zimaze k'ubutegetsi, ntabwo zishe abanyarwanda gusa, zishe n'abanyekongo batabarika, zisahura amabuye y'agaciro n'ubundi bukungu bwa Kongo-Kinshasa. Za raporo zakozwe zerekana ko kuva muri 1998 abanyekongo barenga miliyoni eshatu bamaze gupfa mu gice cya Kongo Inkotanyi zilimo. Kera umunyarwanda yarubahwaga mu bihugu byose duhana imbibi. Ubu iyo ugeze muri Kongo-Kinshasa ukavuga ko uri umunyarwanda barakwishisha bakakubonamo umwanzi kubera ubwicanyi n'ubusahuzi bw'abasilikali ba FPR n'akazu ka Paul Kagame.

Amatora ntabwo agomba kutwibagiza ubwicanyi, ubusahuzi n'ubundi bugizi bwa nabi bwa FPR-Inkotanyi. Igikomeye kandi, nuko Paul Kagame na F P R-Inkotanyi bataremera ubwicanyi bwabo ahubwo bakora uko bashobye kose kugirango butamenyekana. Niyo mpamvu mwumvise mu minsi ishize basabye ko umushinjacyaha w'Urukiko Mpuzamahanga ruli Arusha muli Tanzaniya, Madame Carla Del Ponte, yakwamburwa imilimo yakoraga ku byerekeye u Rwanda.

Kagame na F P R - Inkotanyi bitwaza itsembatsemba n'itsembabwoko byakorewe abatutsi kugirango zigume ku ubutegetsi maze zikomeze zikandamize abaturage. Zibeshya abarokotse n'amahanga ngo zahagaritse itsembatsemba n'itsembabwoko. Mulibuka ko Kagame ubwe atigeze yemera amasezerano y'amahoro y'Arusha ahubwo yakoze uko ashoboye kwose kugirango intambara igaruke mu Rwanda. Ubwe yanze ko ingabo mpuza-mahanga ziza mu Rwanda muli 94 ahubwo akora uko ashoboye kwose izali zihali ziragenda, zisiga abanyarwanda mu kangaratete. Paul Kagame ubwe yanze ko anketi mpuza-mahanga zikorwa kubyerekeye abahanuye indege ya Perezida Yuvenali Habyarimana avuye i Dar-es- Saalam mu nama, ndetse benshi bemeza ko Kagame ubwe abifitemo uruhare rukomeye.

Kuva inkotanyi zafata ubutegetsi zahinduye u Rwanda akarima kazo. Abayoboke bazo baba i Kigali no mu mahanga bakunda kuvuga ngo mu Rwanda ubukungu bwifashe neza cyane. Iyo rero bavuga u Rwanda, baba bavuga imiryango yabo n'inshuti zabo baba mu mazu meza babohoje mu mugi wa Kigali, bagendera mu madoka meza ahenda cyane baguze mu mafaranga y'imfashanyo barigisa, aya za diyama, zahabu n'ubundi bukungu basahura muri Kongo-Kinshasa. Abaturage benshi barakennye bikabije. Ubuzima burahenda cyane. Abana benshi nta myambaro bafite, amashuri arahenda, abana bamwe ntibakiga. Nta akazi, nta imiti mu mavuriro. Imisoro irakabije, amafaranga yose abonetse Paul Kagame n'akazu ke bayishyirira mu mifuka yabo, mu basilikali no mu ntambara zo gusahura. Kwibeshya umuntu agatora Paul Kagame n'abandi bakandida ba FPR-Inkotanyi ni ukwiyemeza gukandamizwa, utahakwa ukahagwa; ni ukwiyemeza kuba mu bukene akaramata. Ibyo byose ijwi ryanyu rishobora kubihindura mudatora Paul Kagame na FPR-Inkotanyi.

Banyarwanda, banyarwandakazi, barwanashyaka bacu na mwe mwese mudashyigikiye ubutegetsi bw'igitugu, ubwicanyi, ubusahuzi n'ibinyoma, abarokotse itsembabwoko n'itsembatsemba ryo mu Rwanda no muri Zayire namwe mwese mwifuza kubana ishema n'isheja mu urwababyaye, muhamagariwe gutora. Itora ni ibanga. Gutora Paul Kagame ni ukumuhanagura ho ibyaha ubwe atemera. Niyo mpamvu tubasa kuzatora abandi bakandida badafite amaraso ku ntoki zabo. .

Mugire amahoro kandi Imana ibarinde.

Taliki ya 18 Kanama 2003.
Mw'izina lya RDR,

Emmanuel Nyemera, Ph.D.
Umuvugizi akaba na Visi-Perezida wa RDR